RWANDA RESONANCE

UMURANGI

Rédacteur en Chef :
NTAWUYIRUSHINTEGE Boniface
(O. NT. B.)

B.P. 1036
Tél.: 7 2469

100 Frw

Bimensuel
Indépendant

N°20

17 Mai 1993.

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COO
C. F. R. C.
B. P. 1319 - Kigali
RWANDA

MURI MINAGRI HARANUKA IKI ?

KOKO MURI MDR NTA MACAKUBIRI ARIMO, AHUBWO HARIMO "GISHEGESHA".

UMUNYAKAZU KOMANDA MUREKEZI AJOGOROJE CAMP MUHIMA (Groupe Mobile)

KOKO MURI MDR NTA MACAKUBIRI ARIMO, AHUBWO HARIMO "GISHEGESHA".

Umugabo Gishegesha cya Bungura yanyagishije inka za mugenzi we Bugabo bari basangiye ubuhake kwa Nsoro mu Bugesera aho yari amaze kuva mu buhungiro azigambaniye, maze uwo Bugabo wari ukimara kugabana ariyamira ati «Arimo Gishegesha ntavura».

Umugabo Perezida wa MDR wari warakomeje kwangira igaruka n'ivugururwa rya MDR PARMEHUTU yageze aho agabana ubutware bwayo, none ayikojeje ibara izuba riva ayiteje rubanda ariho arayikama abayoboke abi; shyirira ku ikonti ye kugira ngo azabagire uko abyumva igihe nikigera. None se baratubwira bati twasanze nta macakubiri ari mu ishyaka, ba bayoboke bakaba batunyanyagijemo ibipapuro biyagaragaza. Abanyamakuru barababaza bagasubiza, -TWAGIRAMUNGU akabisubiza inyuma ngo akomeye ku ntego yo kurandura PARMEHUTU byagaragaye neza ko atigeze yumva icyo ari cyo, kuko bamubaza icyo ayihora ntakibone agahitamo kujijisha kujajanganya no kwishongora bidafite ishingiro. Umuti se uzaba uwuhe atari uwo gusaba abemera izina ry'ubutore n'iry'ubutomvokore gusiga umurwanashyaka « Gishe—gesha» akigaragura mu nzozi zidashoboka. Biro Politiki ya MDR ntizahere mu bihimbano bya TWAGIRAMUNGU, nimurenge ikore gahunda zindi itegurire Impirimbanyi uko zizatsinda naho ibindi ni ukurindagira.

Ngo bazahumeka ari uko Perezida wa M.D.R. abaye Ikinani.

Kuwa kane tariki ya 6/05/1993 muri Hoteri des Diplomates i Kigali habereye ikiganiro n'abanyamakuru cyatanzwe n'abagize Komite Diregiteri (Comité Directeur) ya MDR. Mu byo bari bagejeje ku bantu harimo ko nta macakubiri ari muri MDR, nyamara ubwo GASANA Anastase yari amaze kunyanyagiza itangazo mu bantu rinyuranye n'ibyemezo bya Biro Politiki ndetse na Stati za MDR mu bintu bike, nko gushaka gushyiraho ngo komisiyo d'arbitrage ngo kubera amacakubiri bo babona abayobozi b'ishyaka ntibayabone, gucurikiranya inzego z'ubuyobozi bw'ishyaka ku buryo bunyuranye na stati za MDR ngo bashaka ko Perezida yaba

Umukuru n'Umuhuza» bityo bikaba bivuga ko yaba abaye Mungu Patri, mbese Ikinani mu ishyaka. None se, gutegeka kandi ugahuza si ubwami ? Baragaragaza kandi urwango bafitiye abo bita ababaparmehutu aho bitanguranwa ngo ingingo ya gatanu ya stati igaragaza ko abayoboke ba MDR batitwa ababaparmehutu ahubwo bitwa abarwanashyaka ntibasobanure ibyo bya Parmehutu ibyo aribyo bityo ukabona harimo kujijisha bagamije gusopanya. Barahimbahimba ibinyoma kuri «Forum barwanya n'ingufu nyinshi kandi Biro Politiki yo yaremeje ko iyo Forum ntacyo ibangamiyeho ishyaka. Ubundi Forum ntirwanya igitugu aho cyava aho ariho hose kimwe na MDR?? Kuba rero muri iriya nyandiko yasohotse kuwa 5/5/93 harimo ibinyuranye n'ibyasohotse muri Biro Politiki ya MDR yari yabaye kuwa 2/5/93 kandi hakaba harimo abantu batatu bari mu bagize Biro Politiki biragaragaza ko hari abiyemeje byanze bikunze kugumya gukurura amacakubiri mu ishyaka ngo bashaka kugira Perezida w'ishyaka umukuru w'ikirenga bityo abo bantu bakaba bagomba gukurikiranirwa hafi kuko bagamije gusenya dore ko bavuga ko ibyo bitekerezo bazabishyigikira mu nzego zose z'ishyaka bakoreramo. Ako gatsiko kiyemeje gushwana kayobowe na GASANA Anastase uvugwaho byinshi cyane mu buzima bwe bishobora gukurikirana no mw'ishyaka. Nibiba ngombwa tuzabitangaza. Abandi bari muri Biro Politiki ni Ntakirutimana Jean Damascène na SEZIBERA Dismas nawe abantu basanga imyifatire ye mu buzima ishobora kugira ibyo ibwira ababona uko arimo yitwara.

Icyagaragaye kandi abo bantu bose basanzwe ari abayoboke ba TWAGIRAMUNGU, bityo rero kiriya cyifuzo cyabo cyo guhagurika mpaka bamugize ushobora

1er VICE PRESIDENT:
Maître NGANGO Félicien
RUKARA/KIBUNGO
Licencié en droit

2ème VICE PRESIDENT:
Dr GAFARANGA Théoneste
NYAMABUYE/GITARAMA
Docteur en Médecine

SECRETAIRE EXECUTIF:
GATABAZI Félicien
SIVANDA/BUTARE
Ingénieur Civil

EMPL. ET RESSOURCES HUMAINES:
RUZINDANA Godefroid
KABARONDO/KIBUNGO
Licencié en Sc. de l'Educ.

Mutabaruka

NGANGO Felisiyani nta mwanya yifitiye, ubu ahugiye mu byo kuburanira ALICOM na NZIRORERA ngo babe abere. GAFARANGA aba yikurikirira ibyo mu NKOTANYI, dore ko amagambo yavugiye i BUJUMBURA bagiye kubonana nazo yateye benshi kwibaza, kuko yazibogamiyeho bigatinda, cyane cyane aho yari amariye kubonana na SISI Evariste. GATABAZI ashobora kuba abona neza ko PSD izasenyukira muri FPR agahitamo kubikora uko abyumva hakiri kare. Wasobanura ute ko ngo yaba yarafashe umuntu nka MUTABARUKA akamushyira ku kigega Fond Routier, kandi aho yacunze hose ngo yarahasize inkuru. Muri iyi minsi GATABAZI ariho amazi, amabaruwa amushinja ubugetura mu bibanza, amamodoka yirirwa mu mirimo ya PSD, byose bimukojeje isoni. Minisitiri w'intebe yaramwandikiye. RUZINDANA Godifiridi ari mu batumye FPR ngo ishyira icyizere n'umubano wayo na PSD imbere ngo kuko ariryo shyaka ryahaye imyanya abatutsi, ese ubwo niba nawe ariko abyumva ntazayishimira akayibikira ibanga i KIBUNGO. Ibya PSD birakomeye.

bavuga ko igihe umugore wa NZAMURAMBAHO aherutse mu Burundi gusura benewabo yashatse guha inkotanyi imodoka ya MINAGRI ngo azavuge ko yayibuze umushoferi akanga bakagaruka batongana. Muri MINAGRI kubera amatiku n'ubuswa by'abahakora ubu ntakigikorwa. Mwiyumviye namwe ukuntu iyo Minisiteri yabaye infiltré ku buryo bamwe badatinya kuvuga ko ari iya FPR yihishe muri PSD kandi na NZAMURAMBAHO arabizi. Umuntu abona azi icyo ashaka kugeraho.

Aha rero iyi Guverinoma igomba kuba maso ntihabe amayeri yo gutanga akazi, kuko ntitwarwanya irondakoko ku ruhande rumwe mbese ngo ducyahe abahutu ngo barihariye noneho abatutsi ikosa barikosoze irindi. Yego ntidushyigikiye iringaniza ariko nibura nihaba ubwironde bujye busobanurwa nuko abantu ari abahanga kabuhariwe ku buryo wavuga uti iyo MINAGRI itagira bariya batutsi yari irindimutse.

NZABAVUGA
KIGALI

NDLR: Ibibazo by'urushako ntibyoroshye. Ngo hari ababa bashaka gukurikiza ijana ku ijana inama z'ibishongore bashatse wenda badahuje ubwoko. Nibo rero ngo basigaye bajya mu manama y'amashyaka barimo cyangwa se y'igihugu imitwe yabo bakayisiga mu buriri bakijyanira iy'abagore babo igamije kuvangira ishyaka cyangwa igihugu. Nibwo uzumva ngo muri za MDR, PSD na MRND biracika. Umugabo ugendera ku bitekerezo by'umugore we gusa gusa kandi wenda ari zungerazungera aba akwiye kujya mu gikoni guteka akareka kwivanga mu buyobozi bw'amashyaka cyangwa bw'igihugu, kuko nta bitekerezo bya kigabo kandi bye bwite aba afite.

SONARWA YARAHASEBEYE.

Kuwa gatandatu tariki ya 7 Gicurasi 1993 ku Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali habaye urubanza rw'umudamu wahoze akora muri SONARWA na SONARWA nyine. Uwagombaga kuburanira SONARWA, Bwana UWIMPUHWE Bonaventure yabonye atari bwivane imbere y'iyo dosiye HAKIZAYEZU Kabuhariwe yahishe mu kabati ku bwende dore ko ashobora no kuba nta niyo baramuha ngo ayisome, ashishimura urupapuro ati "j'ai perdu un grand ami none simboneka". Abacamanza basanze nta shingiro kuvuga ngo "un" nta n'izina uvuze.

Bemeye kuruburanisha rero SONARWA idahari. Urukiko ni urwo gushimirwa, rwashyize mu gaciro. SONARWA rero igeze aho iseba kuriya kubera Kabuhariwe wibwira ko aruta amategeko. None se uwo UWIMPUHWE ntiyahise asubira muri SONARWA akagenda yirata ngo urubanza araruboshye ngo maze arebe ? Twamushyizeho ingenza iza kumusanga muri Le Gourmet arya saa sita ibyishimo ari byose ngo urubanza yaruboshye. Nibagumye bahemuke amaherezo ukuri kuzatsinda, uriya mudamu arenganurwe. SONARWA igeze aho itagitinyuka gupfa gusohora imodoka zayo ngo abo yanze kwishyura batazifatira ! Genda HAKIZAYEZU urayikoroze koko !!!

MUKANDOLI A.M.
KIGALI

AGATHA YABESHYEYE TWAGIRAMUNGU

Ku cyumweru tariki ya 9 Gicurasi 1993 Minisitiri Agatha UWIRINGIYIMANA yakoresheje inama ya SEKERETARIYA ya Butare y'ishyaka ayoborayo MDR. IMPIRIMBANYI zaramusaritse ziti ibintu twumva byo gutuka MDR PARMEHUTU murimo ntituzabyemera, kabone niyo yaba ari Perezida ubishyigikiye. Baramwamaganye biratinda, abuze uko abyifatamo ahitamo kubeshyera TWAGIRAMUNGU ngo yasabye imbabazi z'ibyo bitutsi agenda atuka umubyeyi wa MDR ariwe MDR PARMEHUTU. Ikibazo rero ni iki, niba yumva ibyo TWAGIRAMUNGU avugavuga hose yari akwiye kubisabira imbabazi kuko ari bibi, yafatanije n'abashaka kubimukamuramo bakamukosora aho kumushyigikira muri ayo mafuti no kubeshya rubanda. TWAGIRAMUNGU nta mbabazi yigeze asaba, we yiyemeje guhangana nabo yita Abaparmehutu (badashyigikiye amafuti ye) kugeza ngo abamaze muri MDR. Niba Agatha abona Impirimbanyi za KIGEMBE, za NYAKIZU, za KIBAYI n'ahandi ari inka azajya ajya kubeshya nacishe make yibaze, kandi amenye ko igihe azaba agishyigikiye ziriya thèses nk'iz'abasazi za TWAGIRAMUNGU nta cyizere abanyabutare bazongera kumugirira. Aramenye ntazibeshye ngo agiye kumuha amagambo muri za Mitingi i Butare bitazamuviramo imbwa yiruka.

O.N.T.B.

UGANDA, IGIHUGU CY'ABAPOLISI.

Kuwa gatandatu tariki ya 8/5/1993 nibwo amaradiyo yadutangarije ko Museveni yanze rwose inzira ya demukarasi asaba abapolisi kwica bure abayoboke b'ishyaka rya demukarasi baramutse bagiye muri Mitingi. Uyobora iryo shyaka we yatangarije amahanga ko nta murwanashyaka wabo wasohotse ariko ko icyo bashakaga bakigezeho bagira ngo bereke amahanga ko Uganda ari igihugu cy'Abapolisi. Bamwe bemera ko Inkotanyi za Museveni zivuye kurangura i Buganda demukarasi bamenye nyine uko demukarasi ya gipolisi izabageraho. Ibijya gushya birashyuha, ko Inkotanyi zitegeka Perefegitura ebyiri zose z'igihugu, mwari mwumva hari irindi shyaka rirangwa aho ziri usibye FPR ?

Umurangi

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP.
C. F. R. C.
B. P. 1313 - Kigali
RWANDA